AMAHUGURWA Y'ABAKANGURAMBAGA B'IMIRYANGOREMEZO YATORANYIJWE AJYANYE NO KWIFASHISHA AMATEGEKO BIRINDA GUFATA IBYEMEZO BISHINGIYE KU MARANGAMUTIMA.

Padiri Fabien RWAKAREKE afungura ku mugaragaro amahugurwa

Tariki ya 12-13/02/2019 kuri Centre Pastoral Saint Jean Paul II habaye amahugurwa y'abakangurambaga b'imiryangoremezo yatoranyijwe ajyanye no kwifashisha amategeko birinda gufata ibyemezo bishingiye ku marangamutima. Padiri Fabien RWAKAREKE mu ijambo rye, afungura amahugurwa yasasiye ibigiye kuganirwaho biganisha ku ntego z'umuryangoremezo nk'ishingiro ry'ubukristu, igicumbi cy'amahoro n'iterambere.

Yibukije ko kugira ngo ibyo bigerweho, muri Diyosezi hatoranyijwe amaparuwasi cumi n'atanu aho muri buri paruwasi hatoranyijwe imiryangoremezo icumi y'icyitegererezo yahawe amahugurwa atandukanye kandi muri buri paruwasi ifite abakangurambaga batatu bakurikirana buri gihe ubuzima bw' iyo miryangoremezo. Bayikurikirana kubijyanye no kumva isano abakristu bafitanye n'Imana, isano bafitanye hagati yabo muri Yezu Kristu. Yakomeje avugako ibyo byose bituma umuntu abaho mu bumwe busesuye kandi akagira umutima ukunda Imana n'abantu.

Nyuma y'ijambo rifungura amahugurwa hakurikiyeho inyigisho ijyanye n'amahoro ya Madame Jacqueline UWIMANA ukora mu muryango UMUSEKE.

Madame Jacqueline UWIMANA atanga inyigishoku mahoro

Madame Jacqueline UWIMANA umuhuzabikorwa w'UMUSEKE yabwiye abitabiriye amahugurwa icyo umuryango UMUSEKE ari cyo. Yavuze ko UMUSEKE ari umuryango nyarwanda wihaye inshingano zo kubaka amahoro mu rubyiruko rw'u Rwanda no mu bihugu by'abaturanyi ari byo u Burundi na Congo; akaba ariyo mpamvu Biro ya Diyosezi ishinzwe iyogezabutumwa yabatumiye kugira ngo ubagezeho ibirebana n'amahoro kuko abakristu bo mu muryangoremezo baturukamo bakeneye gusobanukirwa n'amahoro icyo ari cyo n'ibishobora kuyahungabanya.

Yabanje gusobanura amahoro icyo ari cyo. Yavuze ko amahoro ari uburyo umuntu abayeho mu mutuzo, atekanye bikagaragarira mu myitwarire no mu bikorwa, mu mvugo no mu ngiro bituje birangwa n'impuhwe n'urukundo.
Yabaganirije ku bintu birindwi bikurikira bigenda biboneka mu bantu mu guteza amakimbirane atuma habaho kubangamira amahoro.

1. **Ibivugwa** cgangwa se **ibyo twibwira** ku bandi bibangamira amahoro:

   - Hari uko tubona ibintu ntitubivuge kimwe
   - Uko tubyumva ntitubisobanure kimwe
   - Ikibura kugira ngo abantu babyumve kimwe
   - Amarangamutima atuma abantu batavugisha ukuri
     Icyakorwa mu gushyira mu buryo ibi tumaze kuvuga:

   - Kuba inyanzi mu nzira y'amahoro (Inyanzi= umukuru mu nyangamugayo)

- Kugira uruhare mu gucukumbura ukuri nyakuri buri gihe tutishinze ibyo amaso yacu atwereka
- Kugira ubushishozi nyabwo ku bintu ubwiwe cyangwa ureba.

2. **Urwikekwe:** (ibyo twitirira abantu cyangwa ibyo abantu bibwira ku bandi) bishobora kubakomeretsa kuko byahubukiwe kuvugwa ntabucukumbuzi n'ubushishozi byakozweho.
3. ***Ingero:***

   - nk'imyambarire y'abakobwa, aho bamwe bavuga ko ari indaya kandi ariyo mico yabo yo kwambara

   -Abahungu bafite imisatsi iboshye abababonye bavugako ari abanywarumogi kandi hari ababikora hari ubutumwa bw'amahoro baba bashaka gutambutsa

Aha naho mbere yo kwitirira umuntu ibishobora kumutera ipfunwe, mbere yo kubisohora ngo abure amahoro, hagomba ubucukumbuzi muri za nzira zo guhana amahoro.

4. **Ibihuha:** Muri make ibihuha ni ukuvuga ibintu uko bitatanzwe, byose bigambiriye kugirira umuntu nabi mu kumutesha agaciro. Ibihuha bishobora kuba amagambo asanzwe y'imvaho yongerewe ibitari ngombwa; bishobora kuzana amakimbirane mu bantu. Guca ibihuha bisaba gushungura ibyo ubwiwe no kubitekerezaho byitondewe.

5. **Ubudasa no gusa**: ubudasa no gusa bishobora kuba intandaro yo kutumvikana bikabyara amakimbirane ariko na none bifasha gushaka ibisubizo

   Urugero: hari ababana badahuje ukwemera ariko ntibakimbirane.

6. **Ivangura**: Riratandukanye kuko hari irishingiye ku mibereho risenya cyane imibanire y'abantu.

   Urugero: - Mu busabane bw'ubukwe aho abantu bamwe bahabwa ibinyobwa by'inticantikize abandi baguye ivutu

   -Kudafata abantu kimwe bari mu bintu bimwe.

7. **Kutuzuzanya**: Byo biba igihe abantu bicajwe ahantu hamwe mu byicaro bitandukanye ariko buri wese ntafatwe nk'undi, icyo umwe ahawe n'undi ntibibe icyo mu gice runaka yashyizwemo.

8. **Nyamugerekwaho icyaha:** Aha ngaha twamwumva nk'utagira kivurira, uhora aboneranya kandi arengana; uvugwaho ibyaha kandi atari we

wabikoze; abntu bahora bashakishirizaho impamvu zishoboka kugira ngo agerekerweho icyaha.

IBINTU BIBIRI MURI RUSANGE BIBANGAMIRA CYANGWA BITABANGAMIRA AMAHORO

1. Ibiriho (faits) cyangwa ibiri imvaho
2. Ibyo twibwira (opinions)

Ibi bisaba kumenya gutandukanya ukuri n'ibyo twibwira ndetse n'ibyo abandi batubwira.

Ku munsi wa kabiri Madame Jacqueline UWIMANA yatuganirije ku itegeko n'amabwiriza, uburenganzira n'inshingano.

a) **Itegekon'amabwiriza:** Tumaze kubona ko amwe mu mategeko n'amabwiriza ashobora guhungabanya amahoro y'abaturage, abari mu mahugurwa biyemeje kudaceceka kubibangamira imibereho y'abaturage, bazagerageza mu nama n'ahandi hose bibaye ngombwa kugira ngo hagire igikosorwa.
b) **Uburenganzira:** Abahugurwa bamaze gusobanukirwa ko kubuzwa uburenganzira na byo bihungabanya amahoro, basanze buri wese agomba guhabwa uburenganzira bwe kuva ku mwana kugeza ku musaza n'umukecuru ariko kandi buri wese akamenya ko aho uburenganzira bwe burangirira ko ari ho ubw'undi butangirira.
c) **Inshingano:** Aha buri wese asabwa gushyira mu bikorwa inshingano ze. Basanze bashobora kuzishyira mu bikorwa nabi bigahungabanya

uburenganzira bw’abandi; bityo rero biyemeje kujya bashyira inshingano zabo mu bikorwa.

Abakangurambaga b’imiryangoremezo batashye bose bishimiye ko inyigisho bacyuye izabafasha mu mirimo yabo kandi ko bazarushaho kumvikanisha amahoro bityo nibazajya bakemura amakimbirane mu miryangoremezo bazajya bigisha uko baharanira amahoro. Madame Jacqueline UWIMANA yasoje amahugurwa ashimira abayitabiriye uko basangiye kungurana ibitekerezo. Yababwiye ko aribo ari nawe bungutse byinshi bizagirira abo bahagarariye akamaro.

Padiri Fabien RWAKAREKE nawe yasoje amahugurwa ashimira uwahuguye n’abitabiriye kuko bungutse byinshi bizagirira Diyosezi yacu akamaro. Yasabye buri wese kubanza kwisuzuma akareba niba inyigisho yatanzwe muri aya mahugurwa ko buri wese yayigira iye.Yabasabye kandi kugira ngo ububutumwa bungutse bagomba kuzabugeza mu miryangoremezo: kubanza kwicara bakagira imyumvire imwe bamara kuyihuza bagategura inyigisho cyangwa bakazajya bunganirana nyuma bakazajya batumiza abakuru b’imiryangoremezo bose kugira ngo buri wese abigire ibye. Buri wese asabwe kubanza gutekereza ko ari umunyarwanda, ari umukristu kandi ko afite abo ahagarariye agomba gusobanurira ibyo bagenda bunguka.

Pierre NIYONSENGA,

SERVICE DIOCESAIN
DE COORDINATION PASTORALE